AMABWIRIZA AGENGA IRUSHANWA RY'AGACIRO CUP 2019

Ingingo ya 1: Irushanwa ry'igikombe cy'Agaciro cya 2019 rizakinwa kuva kw'itariki ya 13-15/09/2019 kuri Stade ya Kigali na Sitade Amahoro rikazitabirwa n'amakipe ane yabaye aya mbere muri shampiyona y'icyiciro cya mbere ya 2018-2019.

Ayo makipe ni aya akurikira:
1. Rayon Sports FC
2. APR FC
3. POLICE FC
4. Mukura VS&L

Ingingo ya 2: FERWAFA niyo igena abasifuzi n'abakomiseri b'imikino.

Ingingo ya 3: Imikino izakinirwa kuri Stade ya Kigali izakinwa muri ubu buryo: Umukino wa mbere uzakinwa saa 15h00 naho umukino wa kabiri ukinwe saa 18h00.

Imikino izakinirwa kuri stade Amahoro izakinwa muri ubu buryo: Umukino wa mbere uzakinwa saa 13h00 naho umukino wa kabiri ukinwe saa 15h30.

Ingingo ya 4: Amakipe asabwa gutanga urutonde rw'abakinnyi batarenze 30 bazakinisha muri iryo rushanwa kuri FERWAFA kuwa mbere tariki ya 09/09/2019 kandi umukinnyi uzagaragara ku rutonde rw'amakipe abiri ntazemererwa gukina.

Ingingo ya 5: Umubare w'abakinyi basimbura mu mukino ntushobora kurega batanu (5).

Ingingo ya 6: Ikipe yemerewe gukinisha umubare w'abanyamahanga ishaka yatanzwe ku rutonde. Mu gihe ikipe zinganyije nyuma y'iminota 90 y'umukino hazitabazwa penaliti.

Ingingo ya 7: Ikipe yanditswe bwa kabiri ifatwa nk'iyasuye bityo yitwaza imyambaro ibiri idahuje amabara mu rwego rwo kwirinda guhuza ibara n'ikipe yasuwe.

Ingingo ya 8: Amakipe agomba kugera ku kibuga isaha imwe n'igice (iminota 90) mbere y'isaha yagenwe y'umukino.

Ingingo 9: Haramutse hagaragaye ibindi bibazo bitavuzwe muri aya mabwiriza hazifashishwa amategeko agenga umupira w'amaguru muri FERWAFA, CAF na FIFA, cyangwa hagakoreshwa ubushishozi.

Kigali, Ku wa 02/09/2019,

Mr. Uwayezu F. Regis
Umunyamabanga Mukuru

Fédération Rwandaise de Football Association